

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA ANYESI KAMAGAJU BWA NYUMA  
I KIBEHO TARIKI YA 25/9/1983.**

Uwanditse ibi mugiyeye gusoma, ntabwo yari ahibereye ubwe, ahubwo yatiye cassette uwari wagiye i Kibeho muri iryo bonekerwa.

Aho musanga utumenyetso ===== mumenye ko ari ibitashoboye kumvikana neza kuri cassette igihe ubonekerwa avugana n'umubonekerwa. Anyesi akibonekerwa, yatangije indirimbo:

- Indirimbo: Mawe wahebuje bose gutona ku Muremyi.
- Ni byinshi cyane, n'impuhwe zawe nizo zidusabanaho.
- Twabishimye.
- Ubu se nabaramutsa gute ko mumbwira ngo „Mbese nuko tugusuhuza?”
- Twaherukanaga kera cyane. Kera cyane!
- Mbasuhuze gute?
- Indirimbo: Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana.  
(Igitero): Turakuramutsa, nka Gabrieli kera.
- Si iyo ndamutso yanyu se?
- Noneho se murabishimye?
- Ndabyishimiye; ndabyishimiye!
- Inshuro nyinshi, izo nahushimira jye ntabwo nazivuga ngo nzishobore ni nyinshi cyane!
- N'abandi; ntabwo ari jye ubishimira gusa.
- Ni meza kandi ni menshi.
- Nabiteguye, ariko rero ntabwo nabiteguye neza nk'uko byari bikwiriye.
- Byambereye byiza.
- Narategereje; ndategereza amaso ahera mu kirere.
- Oya ntabwo navuga ko mwantereranye ahubwo navuga ko ari ukumenyereza.
- Biranshimishije.
- Indirimbo: Kundwa kundwa Mariya.
- N'ubundi iyo umuntu adaherukana n'undi, abura ukuntu imbere ye yakwigira, n'ukuntu yamuramutsa, n'ukuntu yakwifata.
- 
- Ko iyo abantu se bashyikirana, nkatwe abo ku isi, iyo umuntu akumbuye undi cyane atamuherukaga
- Barahoberana, ariko wowe ndabona kuguhobera bingoye!
- Ntabwo nayarambura ngo ahagere!
- Cyaaane! Nta kuntu nabona mbivuga!
- Iiii. Niko bivugwa.
- Indirimbo: Barakwita Umunyahirwe.

- Ubu se ni kare ?
- Twebwe abari bagutegereje twari twarambiwe.
- Sibyo byiza se, siho mungezaho byinshi.
- Hari abakunda se ijoro ? Buri wese yumva yifuza kugenda ku manywa kandi habona.
- Oya ibyongibyo ndumva nta wabyifuza.
- Uwifuza kugenda ijoro, ubwo aba agenzwa na twinshi! Ahasigaye ugenzwa na kamwe, yifuza guhora agenda habona.
- Nta wakwifuza umwijima ahubwo twese twifuza urumuri.
- Ndabizirikana kandi ndanabyibuka yuko..., Iiii (Anyesi araseka).
- Byari bikintonda, kandi..., nako byari bikintonda cyane!
- Nasaga n’aho aribwo bwa mbere mpageze.
- Nari mbakumbuye cyaaane, cyane nta kuntu nabivuga!
- Ntabwo n’ubungubu ndarushira. Ariko ubwo twabonanye ndarushira.
- Igihe ntazaba nkibabona, aho ho hazaba ibindi! Ni ukuzabakumbura byageza aho..., ariko nari ngiye kuvuga ngo byageza aho nkabibagirwa! Ntabwo nzabibagirwa! Ntimwambwiye se ko atazantererana! Namwe nizeye ko mutazantererana.
- Ni twinshi cyane!
- Nk’ubu nagezaga aho nk’ubu nacistse integer nkababona, nkagarura integer. Ariko se igihe ntabaruzi! Noneho zacika rwose!
- Ntabwo ari kimwe n’uwababonye.
- Kwihangana burya biragoye. Umuntu arihangana ariko yageza aho akumva ageze ku ndunduro.
- Kwizera nabyo umuntu arizera. Ariko hakaba aho agera ati: “Ubanza bamwe nizeraga batakinyibuka”.
- Ni byinshi cyane.
- Ibyo wisubira kubinyibutsa! Harya n’ubu iyo nkwibutse birambabaza cyane, nkabura ukuntu nifata n’uko mbigenza.
- Ntabwo yari menshi cyane ariko nararize.
- Narijijwe n’uko yari ambwiye ngo AZAJYA AZA RIMWE NA RIMWE. KANDI NGO NABWO NAZA SINZAJYA MUBONA UKO BYARI BISANZWE.
- Oya mwebwe murampa kwihangana no gukomera.
- Nasize umugani!
- Nabikoreye kuko, sinavuga ngo ni ubwa nyuma n’ubwa mbere, ariko ni ubwa nyuma tubonanira ahangaha.
- Numvaga ngomba kwishima namwe nkabashimisha kandi namwe mukanshimisha.
- Oya, ku isi ntabwo..., ibyishimo nibyo bike koko!
- Abishimye nibo bake cyane! Ariko abafite agahinda n’imibabaro ni besnhi.

- Barababazwa n'ibyo babona, bakababazwa n'ibyo bumva, n'ibyo umuntu aba ari iruhande rwabyo, abitahiraho nk'iteka iteka. Aho niho umuntu agahinda kadashira iyo umuntu abona atahira nko ku bintu ntabone bigabanuka na gatoya!
- Abatahira ku gahinda nibo benshi; akibaza ati iyaba ntari ntashye ngo njye kureba uko bimeze!
- Yego murakatumara , ariko rero ku isi ntabwo bizashira!
- Indirimbo: (Igitero agihera hagati): "Mubyeyi umara agahinda, utujyane kwa Yezu". (kandi ntiyaririmba inyikirizo).
- Ni we uzakatumara, ariko namwe kenshi murakatumara.
- Iyo umuntu hari ibimugoye akabiyambaza, abasaba, ibyinshi mubimukuraho, mukabimworohereza, ntakomeze kwikorera imitwari.
- Aho ho iyo umuntu atabasaba, arakomeza akabyilorerakabura ubimutura.
- Nibyo koko ubiringira wese muzakamumara, kandi muzajya mubona n'ibyo akeneya byose.
- Erega kwizera kwacu no kwiringira, kenshi bikunda kutugora kandi bituba na kure.
- Ukwemera kwacu nako ni guke cyane! Murakongere!Kandi muduhe n'imbaraga zihagije kugira ngo dushobore gukora ugushaka kwanyu.
- Aho nahagereye ni byinshi byiza mbona.
- Oya ntabwo ari byiza byose, ariko ntabwo navuga ngo mbona bibi.
- Iiii, mbona byinshi byiza.
- N'ubundi kurambirwa nibyo bibi. Mbanje kubashimira byinshi nabonye kandi byiza. Ndabashimiye cyane.
- Ubushize, umwana wanyu yarambwiye ngo mbikore ariko kenshi byajije abantu bakayoberwa icyo muba mushatse kubereka no gokora.
- =====
- Isengesho: Mubyeyi mutagatifu w'Imana, turaguhungiraho ngo uturengere, ntusubize inyuma amaganya tukuganyira mu bukene bwacu, maze amakuba duharamo uyadukize, Mubikira usanganywe icyubahiro, ukwiye gusingizwa. AMINA.
- Ubu se bo ntibabyibwira!
- Oya. Baramenya icyo ari cyo. Ntabwo bavuga ko unsezeyeho kandi tutaramarana n'umunota umwe.
- Murakoze.
- Indirimbo: - Abana warazwe ni twebwe twese. (Dukunde dushime)
  - Twari twaraciwe uratuvuna.
  - Tubona Mariya uko tumeze.
  - U Rwanda ni urwawe ujye urwibuka.
- Iiii. Igeza aho, igasa nk'ituganje!
- Indirimbo: Ukure shitani mu Rwanda hose. (Dukunde dushime)

- Ihora ibaganza kenshi bagata izina ryanyu hamwe n'umwana wanyu.
- Koko kenshi, hariho nk'umuntu rwose ubona, ari nk'igikoresho cyayo mbega. Abo bose mubarebe mubahe intege.
- Iratugerageza ku buryo bwose.
- Ni benshi, ntabwo..., nanjye sinakwikuramo, kuko hari nka byinshi ishobora kunshukamo, nkaba nagwa cyangwa ngacika intege.
- Aho yego uwizera ko muba muri iruhande rwe, ntabwo yamushobora. Ariko rero hariho uwo ubona yaraganje burundu. Muzabagarure.
- Ni wa muni wa mbere mwahanzanye kuri iyi tariki.
- Kubera iki ari yo mwashatse kunsezeraho kandi ari nayo mwari mwari mwashatse gutangiriraho kunzana?
- Iiii, Mukora uko mushatse koko!
- Jye se ku bwanjye ko buri muni numva twaba turiho tuvugana namwe!
- Yego mugihe dusenga tuba tuvugana, ariko si kimwe nk'ukunguku mbambareba mumbwira nanjye nkabasubiza.
- Mu masengesho hari nk'ibyo umuntu akubwira, cyangwa se umwana wanyu, ariko agatega ugutwi ko mwamusubiza agaheba.
- Hariho nk'uba afite nk'ikintu kimubabaje, cyangwa akavuga ati rwose ngiye kubwira Umubyeyi. Kandi arakinsubiza byanze bikunze. Ubwo akabasabaaaa, agategereza ko muri bumusubize. Ahubwo noneho igisubizo kikamubana kirekire, ntashobore kwisobanurira ibyo ari byo.
- Gusenga ni kwinshi. Hari nk'usenga amasengesho yikuriye ku mutima. Hakaba nk'igihe abasaba avuga nk'ishapule, cyangwa se avuga andi masengesho asanzwe. Ariko rero agaheba uwamusubiza.
- Yego no mu mutima murahasubiriza, ariko rero ibyinshi nta kwisobanurira kuba kurimo; birakomeza bikatubera nk'urujijo.
- Tugusaba byinshi cyane kandi n'ubu ibyo tugusaba ni byinshi.
- Mbivuze ntabwo nabirangiza kuko ni byinshi cyane. Ku isi dusaba byinshi.
- Icyamba mbere dukunda KUNANIRWA kandi KUBURA ni IMBARAGA. Kugira ngo umuntu uwo ari we wese ashobore kuba YAKURANGIRIZA IMIRIMO MWAMUSHINZE.
- Ikindi tubura ni URUKUNDO. URUKUNDO NI RUKE CYANE. Mbese no KWIHANGANA. Ibyo ni byo bikunda KUVUNA ABANTU kenshi: **UKWIHANGANA, URUKUNDO.**
- Ni byinshi ga, nakubwiye ngo mbivuze jyewe najya mbicaho, ibindi bikananyibagira.
- Mwebwe mubibona mukabona no mu GITEKEREZO CYA BURI MUNTU, mujye mureba rwose muduhe icyo muruzi KIDUKWIRIYE. ARIKO TUGIKOMEREHO.
- Oya ibyo ntawe ubyifuzza!
- Oya, burya usaba icyo ararira nawe aba yaburaniwe!

- Aba yaburaniwe kuko tuzi ko UTANGA BYOSE, KANDI MUSHOBORA BYOSE, iyo umuntu aruzi abuze ikintu ari burarire, aratangira AGAPFUKAMA, AKABASABA, ati: MUMPE ICYO NDARIRA IRI JORO.
- None se, burya nawe aba ababaye. Buri muntu agenda asaba icyo yumva ababaye.
- Abo bo basaba nabi! Kubona umuntu avuga ngo NDAGUSABYE NGO NJYE KWIBA SIMFATWE! (Anyesi araseka) AHO ABA ASABYE NABI! Kandi ariko nawe ubwo aba abona ko yasabye neza, mbese yanatunganyije, iyo agize Imana akagenda ntatwawe.
- Ni byinshi KOKO, TURIMO IBICE BYINSHI CYANE ABO KU ISI.
- Nta gihe ibyo ku isi bibura! Kandi henshi twifuza BYINSHI BIBI!
- Nibyo byateye.
- Umwiriyane mu Bantu!
- HIRYA NO HINO NTAHO UTASANGA BICIKA BARYANA!
- Ibyo byose mujye mubidutsindira, muduhe kumvikana rwose. Tube abana bibumbiye hamwe, TWO GUHORA DUTEMAGURANA IGIHE CYOSE.
- Ni byinshi; ubundi, KOMEZA UKWEMERA KW'ABANTU KUKO ARI GUKE CYANE!
- BENSHI BAGENDA BADOHOKA!
- **MBANJE NAMWE MUTABIREBAGA!**
- Muradufashe ntabwo tuzabagwana.
- Agahinda sinkabuze, ariko rero..., none se KO MUKORA IGIHE MUSHAKIYE; MUZIRA IGIHE MUSHAKIYE; MUKAGENDERA IGIHE MUSHAKIYE!
- Ubu se niba mwarabikoze kuri programu muvuga ko muzamara iki gihe n'iki, mukazansezeraho iyi tariki, mbabwire ngo nimubireke!
- NZABITERA, NZABAKUNDA, NZABAKORERA NK'UKO MUBYIFUZA, ariko KU MBARAGA ZANYU. Naho ku ZANJYE nta kintu nakwishoborera.
- Mbona nanjye zimbana nkeya!
- Ubwo se ibyo mwangejejeho bwa mbere..., ntabwo nkibyibuka byose!
- Iby'ingenzi bimwe na bimwe, NGENDA MBIZIRIKANA kandi NTIBIZANANYIBAGIRA.
- Ndishimye.
- None se ko byandenzeho!
- Nk'ubungubu mbivuze wabona ko ari uguhinduka cyangwa se gucakura. Nzabiyhorerera aho bigereye.
- Nzabizirikana, ariko ubundi nzabihorera. Kuko mbibabwiye bavuga ko ngiye guhindura ibyo ntababwiye mbere. Nzabizirikana.
- Nzawuhimbaza.
- Yeee.
- NI CYO GIHE NZAMUBONA ?

- Ndishimye!
- DUHERUKANA BURYA, ngira ngo murabizi.
- Yanyeretse byinshi cyane byambabaje.
- Ndategereje.
- Ngenda mbona duke, ariko ntabwo tungora cyane.
- UBATEGEREJE NTARAMBIRWA. Kandi n'UTEGEREJE IBYANYU NTARAMBIRWA.
- Muzagende mumpa ICYO MUSHATSE CYOSE NZACYEMERA. Ariko kandi muzampe n'imbaraga zo kubyemera nta KWINUBA mbifitemo.
- Iyo mbabona jyewe, uko mbibona: BAMWE BARAGUYE ABANDI BARABYUTSE, mbese biravangavanze.
- Ntararinda mbikubwira namwe mwirebere **UKUNTU BENSHI BAGIYE BASUBIRA INYUMA!**
- Ngomba gukurikiza ibyo mwambwiye; ndabifite.
- Ni byinshi cyane mbasaba kandi mbamenyesha.
- Ntagombye kubiserura ngira ngo byose murabyiruziye.
- Sinzi impamvu ibitera.
- Benshi barabyibaza. Byabayobera kandi nanjye biranyobera.
- Ntabwo ibyo nari mbizi, kenshi =====.
- Ntabwo mbabaye cyane.
- Indirimbo: Ndi uwawe Bikira Mariya.
- Ni byinshi cyane koko!
- Ndabibonye, kandi ndanabimenye. Ntabwo mwongeraho.
- Ndabisobanukiwe.
- =====
- Simwe mwenyine; ariko nta kintu na gito nari mbiziho kandi nta n'icyo nari mbisobanukiweho.
- Oya mwibinyereka; mwabimbwiye ndabibona kandi mwanabinsobanuriye.
- Nzabizirikana.
- Muzabidukuremo, two kujya imbere yanyu duhora tubabereye abantu BIKINGIYE IGIHANDE KIMWE.
- Uko mwabinyeretse niko nduzi n'igihande kimwe ari ko kimeze kandi ari nako gisa.
- Tuzi twebwe ko ari enye.
- Iiii.
- Ntabwo bahuza.
- Hari benshi cyane.
- Amazina yabo ni menshi cyane, ni menshi ntabwo nashobora kuyabasubiriramo.

- Ariko cyane cyane akunda kuvugwa, havugwa ABIRABURA N'ABERA.
- Ubwo se bo barahuje ? BAMWE BABA BUZUYE NAHO ABANDI BAKANGANA.
- Ibyo KWUMVIKANA se, isi yose ko izo NGABIRE ZITANGWA NAMWE, natwe nizo tubasaba kugira ngo ISI YOSE YUMVIKANE, kandi ishobore no kugera KU BYO MWIFUZA BYOSE.
- Ntabwo TWAMERA NK'UKO MUMEZE, tubishyikiriye aho ho!..., nta kuntu nabona mbivuga!!!
- Nirwo RWIBUTSO se umpaye nawe kujya NZIRIKANA IRYO JAMBO WAMBWIYE?
- TUZAREKA KUBABABAZA RYARI?
- (Anyesi araseka) NGO KUGEZA ISI ISHIRA!!!
- Muzakore uko mushoboye kwose TUGERAGEZE KUREKA KUBABABAZA.
- Yeee. Yooo!!! (Anyesi arimoza. Asuhuza umutima).
- Iiii. Ndabimenye kandi nabyo ndabyumvise.
- Muzadufashe muduhe n'INGABIRE ZOSE ZIKOMEYE kugira ngo aho buri muntu ari hose azagire URUKUNDO N'UKWIZERA GUKOMEYE, KUTAJEGAJEGA.
- Nari mbanje mwashakaga kumbwira IBINTU BIBABAJE, kandi biteye n'agahinda ARI UMUNSI WA NYUMA!
- None se NTAWITA UWA NYUMA, IBYO MWANGEZAGAHO NIBYO MUZAJYA MUNGEZAHO?
- Nawe yarabyakiriye neza koko bya kibyezi.
- Yakoze uko ashoboye kwose.
- Kwose..., reba nawe ukuntu yabigenje ntagombye kubisobanura ngo n'ab'isi bese babe babimenya cyangwa se bamenye uwo ari we.
- Yeee. Iiii. Nzabimubwira.
- Nta kuntu nabigereranya.
- Isengesho: Bikira Mariya Nyirimpuhwe.
- Ibyo nakugezagaho ni ibyongibyo. N'ibindi byinshi nabonye WANTANZE KUBIMENYA.
- MUZONGERE ABASENGA mu mpande hirya no hino.
- N'ABAMAMAZA IVANJIRI.
- ABABAKORERA bese, muzabahe imbaraga ZIKOMEYE, kugira ngo bashobore KURANGIZA IMIRIMO MWABASHINZE.
- ABATABAZI mubahe kubamenya. Kandi n'ABABATAYE mubahe kubagarukira.
- Indirimbo: Mariya Nyina wa Yezu.
- Ndishimye. Hose imbere yanyu mwansabye UBWITONZI.
- Ntabwo biba ari ku bwanyje; uko MUMVUGISHA niko nanjye mbasubiza.
- Ku isi sinabishobora! mbona nsaragurika!
- Ibyo wangejejeho byinshi kandi byiza.

- Noneho ndabona muri hafi cyane!
- Ibyo ni ibyo mwiruziye.
- Buri muni nta gihe bwira roho zacu zitagiye ICYANDU.
- Nkanjye se nihereye mbona bwira hagiye nk'ibirenze ijana.
- None se, ubwo ndore mbabeshye kandi BYOSE muba mubyiruziye!
- Nzabyibuka, nzanabikora, ariko muzampe IMBARAGA ZO KUJYA MBYIBUKA kandi NABIKORA.
- Ni nke cyane.
- Haracyeye kandi ndabona nta kintu na gito kibari iruhande. Kandi namwe ndabona mwambaye ibintu byiza cyane!
- Ni BYINSHI kandi ni BYIZA mwahanyerekeye. Kandi n'abo twabanye banyihanganiye uko bashoboye kwose. KWOSE!!! Ni uko ababana nta gihe babura ibyo bapfa, ariko banyihanganiye uko bashoboye.
- Nzabizirikana. Ariko se ko hari igihe mpagera, nkahasanga benshi cyane dushobora gutindana simbe nabitunganya ?
- Yeee. Igihe cyose ? yeee.
- Ntabwo nshobora kuhibagirwa.
- Nayazanye kuko yari yambwiye yuko noneho nzabyitegura, nkayazana.
- Si atatu gusa se yari yambwiye ?
- Indirimbo: Mubyeyi udahemuka.
- Bari ahagana hehe ?
- Ubu se; ndamugeraho vuba se ?
- Indirimbo: Mubyeyi udahemuka.

Ibitero: - Turakugereranya n'inyenyeri iyobora.

- Ufite ishavu wese .

(Anyesi yururuka ku rutara babonekererwagaho anyura hagati y'abantu agira ngo ashyikire ab'Umubyeyi yamwerekaga ngo abahe amashapule y'ububabare. Ayo mashapule abayahawe ni batatu. Twumve uko yabwiye umwe muri bo):

- AKIRA ISHAPULE Y'UMUBYEYI, UMENTYE KO AHO UBA URI HOSE ABA AKUREBA, IBYO UKORA BYOSE ARABIBONA; MUGARUKIRE, UMWEMERE, UMWIZERE, UMUKUNDE, UZIRIKANE UBUBABARE BWE IGIHE YARI ARI KUMWE N'UMWANA WE KO ARI IBYAHA BYACU YAZIRAGA. IBUKA UMUBYEYI ABE ARI WE WISUNGA, KANDI URUSHEHO KUJYA WITA KU BUBABARE BWE. MENYA KO IBY'ISI BYOSE ARI NTACYO BIVUZE, AHUBWO UMENTYE KO ICYA MBERE NA MBERE ARI UGUKURIKIRA IBY'IJURU, KANDI UGAKURIKIRA N'AB'IJURU BOSE.

(Anyesi amaze gusubira ku rutara babonekererwaho, yakomeje kuvugana n'Umubyeyi):

- (Bwari ubutumwa) bw'UMWANA WANYU (yambajije) ko nayazanye, hanyuma antegeka ko nzayazana uyu muni.



- Muzaduhe kujya TUZIRIKANA UBUBABARE BWANYU kandi TUBIZERE IGIHE CYOSE.
- Ibyo yarabimbwiye, ariko IBYINSHI ntabwo yagiye ansobanurira byose; bimwe yaransobanuriraga, ibindi ntansobanurire. Nabibwira nk'abantu, ntibabe bashobora kubyiyumvisha, cyangwa se ngo babisobanukirweho.
- Nizeye ko uyu muni MWEBWE MURI BUNSIGIRE IBISOBANURO BY'IBYO YAMPISHE BYOSE, ATAMPISHURIYE KANDI BIKAMBERA URUJJO.
- Azabimpishurira ryari se?
- Oya ntabwo ndambiwe. Ndategereje.
- UBIRINGIYE WESE, NI UFITE ISHAVU N'AGAHINDA, AGIYE GUPFA AKABIYAMBAZA, MWABIMUMARA.
- Yego IBIBAZO KU ISI NI BYINSHI CYANE. Hariho ibyo umuntu ambaza nkumva mbuze uko mbimusobanurira, cyangwa se uko nabimubwira. Hakabaho icyo umuntu areza hejuru akiruzi ariko yabuze ukuntu yabivuga n'ukuntu rwose yagisobanura.
- Icyo umuntu aruzi gisobanutse neza arakimusobanurira uko akimubajije. Ariko iyo bidasobanutse natwe biraturushya cyane, kugira ngo ashobore kwiyumvisha uburyo icyo kibazo kiba kimeze.
- Ni byinshi cyane. Hari mu byerekeye, muri byinshi ndashaka kuba navuga namwe ngo mubyumve..., yego murabyumva... Ni ukubihisha se abandi bashobora kubyumva?
- Hari **n.a** ha handi, ntabwo mwansobanuriye uko bizangendekera n'uko nzabigenza.
- Bimbera urujijo cyane.
- Yeee.
- Uzajya unsure se nk'igihe kingana iki?
- Ii!!! RIMWE NKO MU MEZI ANE!!! Ntabwo bimbabaje.
- Ubwo se nzajya nkubona wese, cyangwa?
- Ntituzajya dutindana?
- Ni byinshi cyane.
- Nzajya ngenda mbyibuka buhoro buhoro, kandi nzajya mbona biza buke bukeya.
- Yeee.
- WE YARI YARANTEYE UBUHUGE CYANE, KUKO YAKUNDAGA KUNSURA INSHURO NYINSHI CYANE. NAHO MWE, MWASAGA N'ABARI BARANSEZEYEHO NA MBERE HOSE.
- Burya se si umunota umwe mwamvugishije mugahita mwigendera!
- Oya ntabwo ngomba kubabara kuko mumbwiye ko NZABIZERA NKAJYA MBIYAMBAZA IGIHE CYOSE, KANDI NKABASABA N'IMBARAGA.
- Iiii.
- Iiii.

– Abantu bose, hafi ya boseee, babantumaho. Bakambwira ngo MUJYE MUREBA IBIBABABAJE BYOSE MUREBE N’INGORANE BABA BAFITE. MUREBE N’IBIGERAGEZO N’IBITOTEZO BYINSHI BABONERA KU ISI.

Nimujye mubafasha, mubahe UKWIHANGANA, kugira ngo bashobore KUDACIKA INTEGE.

Ubundi mubahe KURANGIZA IMIRIMO MWABASHINZE, kugira ngo bazayirangize NTA KUBAHEMUKAHO.

– Ubundi muvugurure isi yose.

– Yego MURAYIVUGURURA, ariko rero n’ubungubu DUKENEYE KUVUGURURWA INSHURO NYINSHI CYANE.

– Iiii.

– NATWE MUZADUHE imbaraga zo gukomeza KWIHANGANIRA IBITUBABAZA BYOSE TUBONA. Kandi muzaduhe kugira ngo DUKOMEZE tubizere, iteka tumenye ko ICYO DUKORA CYOSE, MUBA MUKIREBA KANDI MUBA MUKIRUZI.

– Muduhe URUKUNDO RUKOMEYE CYANE. Ubundi muzajye muduha UKWICISHA BUGUFI.

– Iiii. Muzaduhe KWITANGIRA ABANDI.

– Kugeza igihe se..., nibajye bakwizera, bakwisunge, ntibazagire ngo warabibagiwe.

– Nibajye bagusaba ibyo bakeneye byose, buri muntu uzagende umuha icyo uruzi KIMUKWIRIYE.

– MU MARIRA BAZAKWIYAMBAZE UZAYABAHOZA.

– MU GAHINDA UZABAMARA ISHAVU.

– MU BYAGO UZABAKOMEZA; UZABIHANGANISHA.

– NATWE NTABWO TUZAGUHEMUKIRA ARIKO TUZAKORESHA N’IMBARAGA ZANYU, KUKO KU BWACU NTA MBARAGA TWIFITIYE. TURI ABANYANTEGE NKEYA CYANE.

– Yeee.

– Uzagaruka ryari?

– Yeee, nabyumvise: ibyo mwambwiye n’ibyo mwansezeranije.

– Yeee.

– Amasengesho: –Ndakuramutsa Mariya (Inshuro 5)

– Hubahwe (Inshuro 2)

– Mubyeyi Mutagatifu w’Imana turaguhungiraho ngo uturengere.

– Bikira Mariya Nyilimpuhwe.

– Iiii. Muzankomeze namwe (Anyesi avuga afite ikiniga n’amarira).

– Ntabwo mbabaye cyane, ariko kandi ndababaye.

– Mwanyihanganishije.

– Yeee.

– Indirimbo: Ndi uwawe Bikira Mariya.

– Ni byinshi cyane, kuko iyo ntabisobanukiweho neza biramvuna kandi bikanambabaza.

- Ndacyibutse.
- Oya ntacyo nshobora kurenzaho.
- Oya ntacyo ndengejeho.
- NZABAKUMBURA muri byinshi, kandi NZABIFUZA muri byinshi.
- Ubu hari nka byinshi, byageraga igihe byanshenguye, nkababona, nkabibatura.
- Yeee. NZABIBATURA MU MASENGESHO.
- Iiii, murakoze, NTABWO MUZANTERERANA.
- Muzabahindure bese.
- Nabo barakuramutsa kandi baranagutashya.
- Ubundi baragushimira.
- icyo tugusabye MUBYEYI MWIZA UCYUMVE, ibyo tukwifuzaho byose UBYUMVE, ibyo dutekereza, bitunaniza, TURABIGUTUYE, ujye UBA ARI WOVE, UTWIHERA IMBARAGA UNADUKOMEZE.
- Uzaduhe KUKURANGIRIZA IMIRIMO WADUSHINZE.
- Iiii. Si jye jyeniyine bibabaje, n'abandi bese.
- UBU NTA KUNDI KUZONGERA GUHURIRA AHANGAHA!!!
- Ntabwo mwatinze cyane, kandi mwambwiye ko muzira IGIHE MUSHAKIYE, MUKAGENDERA IGIHE MUSHAKIYE. Nta kintu ngomba gusubizaho.
- Indirimbo: Umugisha wa Bikira Mariya.  
(Ayiririmba ahindukirira impande enye).
- Ndabyizeye byose, uzabinsobanurira buhoro buhoro.
- JYANA ANDI NAWA.

(Birangiriye aha).